

AKARERE KA HUYE

"INDATIRWABAHIZI MAGAZINE" - UKWEZI K'UKWAKIRA 2025

NYAMUKURU

Rwaniro: Hatangirijwe gahunda yo gukosoza imyirondoro no gufotora abaturage.

Mu Rwanda hatangijwe gahunda yo gukosoza imyirondoro no gufotora abaturage ngo bazahabwe indangamuntu Koranabuhanga. Ku rwego rw'Akarere ka Huye, iki gikorwa cyatangirijwe mu murenge wa Rwaniro.

➤➤➤ Soma birambuye kuri Paji 13.

Ihuriro ry'ubumwe n'ubudaheranwa ku rwego rw'Akarere ryateranye

Abayobozi mu nzego zitandukanye bitabiriye ihuriro ry'ubumwe n'ubudaheranwa, haganirwa ku ruharerw'indangagaciro na Kirazira by'umuco Nyarwanda mu kwimakaza ubumwe n'imibanire myiza. Haganirwe kuri zimwe mu nzitizi zikibangamiye ubumwe n'ubudaheranwa.

➤➤➤ Soma birambuye kuri Paji 10.

Hatanzwe impamyabumenyi ku nshuro ya 11 ku barangije muri Kaminuza y'u Rwanda

Muri Kaminuza y'u Rwanda ishami rya Huye habereye umuhango wo gutanga impamyabumenyi ku nshuro ya 11 ku barangije amasomo muri Kaminuza y'u Rwanda. Iki gikorwa cyitabiriwe na Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda Dr Justin Nsengiyumva.

➤➤➤ Soma birambuye kuri Paji 9.

Umuganda rusange usozwa ukwezi wakoze hibandwa ku gutera ibiti

➤➤➤ Soma birambuye kuri Paji 12.



Ukwezi k'Ukwakira ni ukwezi kwahariwe kuzirikana ubumwe n'Ubudaheranwa by'Abanyarwanda. Mu mirenge yose hatangijwe ibikorwa by'uku kwezi, buri wese ashishikarizwa kuzitabira gahunda n'ibikorwa byateganijwe bijyanye n'uku kwezi.



Hatangijwe ukwezi k'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu Karere ka Huye.

Gutangiza uku kwezi byakozwe kuwa 1 Ukwakira 2025, aho mu murenge wa Ngoma ari ho hatangirijwe ku rwego rw'Akarere Ukwezi kwahariwe kuzirikana Ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda, ku nsanganyamatsiko “Twimakaze ubumwe n'ubudageranwa.”

Hatanzwe ikiganiro ku mateka y'u Rwanda n'isenyuka ry'ubumwe bw'Abanyarwanda, kongera kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda. Hanaganiriwe ku bikibangamiye Ubumwe n'ubudaheranwa n'ingamba zo guhangana n'imbogamizi zikigaragara, n'uruhare rw'urubyiruko mu kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa.

Hatanzwe ibitekerezo binyuranye ku bikorwa byazakorwa muri uku kwezi harimo gutanga ibiganiro mu nzego zitadukanye (Ibiganiro ku midugudu, ibiganiro ku barimu bigisha amateka, ibiganiro ku madini n'amatorero, ibiganiro ku bagororwa bari mu magororero), ...

Buri wese yashishikarijwe kuzitabira gahunda n'ibikorwa biteganijwe muri uku kwezi.



Hatanzwe ibiganiro ku bumwe n'Ubudaheranwa



Haganiriwe ku byakomeza kwibadwaho mu guteza imbere ubumwe n'ubudaheranwa

Televiziyo ya Kiliziya Gatolika mu Rwanda izwi nka 'Pacis TV', yafunguye ishami ryayo muri Diyosezi ya Butare mu kwegera abakiristu no gutanga umusanzu mu iyogezabutumwa.



Hafunguwe ishami rya Pacis TV rifite icyicaro mu Karere ka Huye

Ni igikorwa cyabaye ku wa 05 Ukwakira 2025, gihurirana no kwizihiza isabukuru y'umwaka umwe Musenyeri Jean Bosco Ntagungira amaze abaye Umushumba wa Diyosezi Gatolika ya Butare.

Umuyobozi Mukuru wa Pacis TV, Padiri Jean de Dieu Tumushimire, yavuze ko gufungura ishami muri Diyosezi ya Butare bigamije kumenyekanisha ibikorwa bitandukanye bigize iki gice cya Butare no kongera imbaraga mu iyogezutumwa mu buryo bugezweho.

Umuyobozi w'Akarere ka Huye, Sebutege Ange, yagaragaje ko iri shami rizafasha mu iterambere ry'akarere mu buryo butandukanye na Diyosezi muri rusange.

Ati “Twizeye ko izagira umusanzu mu iterambere rya Diyosezi n'Akarere ka Huye by'umwihariko, bigatuma abaturage n'abakirisitu barushaho kwaguka mu mitekerereze, mu buzima no mu iterambere ndetse bifashe akarere kuba umuyoboro wo kuganira n'abaturage tugana ku iterambere.”

Musenyeri Jean Bosco Ntagungira, Umwepisikopi wa Diyosezi Gatolika ya Butare washinze Pacis TV ikivuka, yavuze ko ashimishijwe no kubona ifungura ishami muri iyi Diyosezi, ashimangira ko ayitezeho ko izafasha mu kwagura iyogezabutumwa.



Umuyobozi w'Akarere ka Huye Sebutege Ange

Televiziyo ya Pacis yafunguye imiryango mu 2020, imaze kugira amashami atatu hanze ya Kigali ari yo ishami rya Diyosezi ya Cyangugu, Ishami rya Kibeho muri Diyosezi ya Gikongoro n'ishami rya Diyosezi ya Butare rifunguwe bwa gatatu.

Abahagarariye Inama y'Igihugu y'Abagore baganirijwe ku nshingano zabo

4

Hakozwe inama yahuje ubuyobozi bw'Akarere ndetse n'abahagarariye Inama y'Igihugu y'Abagore mu mirenge, haganirwa ku nshingano z'uru rwego. Muri iyi nama hibanzwe cyane ku mihigo y'uru rwego, n'uruhare rwaburi wese mu kwesa neza iyi mihigo.



Hakozwe inama ya CNF igamije kuganira ku nshingano z'uru rwego

Iyi nama yateraniye mu Karere ka Huye kuwa 08 Ukwakira 2025, iyoborwa n'Umuyobozi w'Akarere Sebutege Ange ari kumwe n'Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore mu Karere Madamu Bakundukize Redempta. Inama kandi yitabiriwe n'abagize urwego rwa CNF.

Inama yitabiriwe n'abahagarariye Inama y'Igihugu y'abagore ku rwego rw'Imirenge n'abakozi b'imirenge bafatanya n'Ibyiciro byihariye mu mihigo ya byo. Ingingo nyamukuru y'inama kwari ukurebera hamwe ingamba zatuma Urwego rw'Inama y'Igihugu y'Abagore rurushaho kwesa neza imihigo.



Inama yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere



Hamwe n'ibiro bishinzwe abibjira n'abasohoka, Umuyobozi w'Akarere yakiriye indahiro y'abahawe ubwenegihugu Nyarwanda, bagaragaza ko bishiye kuba Abanyarwanda bakaba bagiye gufatanyaga n'abandi benegihugu kubaka u Rwanda.



Bishimiye guhabwa Ubwenegihugu Nyarwanda

Igikorwa cyo kwakira indahiro cyabereye mu Karere ka Huye kuwa 8 Ukwakira 2025, ubwo Umuyobozi w'Akarere Sebutege Ange yakiriye indahiro ya IRAMBONA Annick na MINANI Marie Goretti bahawe ubwenegihugu bw'u Rwanda.

Umuyobozi w'Akarere Sebutege Ange yashimiye abahisemo gusaba ubwenegihugu ngo bafatanye n'abandi Banyarwanda kubaka Igihugu. Yasabye abahawe ubwenegihugu kumva neza inshingano basangiye n'abandi banyarwanda yo gukunda Igihugu. Yabasabye kwimakaza intego y'ubumwe bw'Abanyarwanda, kwihatira ko inyungu rusange ziza imbere y'inyungu bwite; kwimakaza indagagaciro na Kirazira z'umuco Nyarwanda.

Umuyobozi w'Akarere yabasabye gukunda umurimo, kuwunoza, gutanga serivise nziza; kubahiriza inshingano zireba abenegihugu bose. Yibukije ko umuryango ari wo shingiro ry'iterambere ry'Igihugu, bityo abasaba kubaka umuryango utekanye, uteye imbere, kurera neza abana babo ari na bo bana b'Igihugu no gukomeza ubufatanye n'abandi kubaka Igihugu.



Indahiro zabo zakiriwe n'Umuyobozi w'Akarere

A large audience of people is seated in a hall, facing a stage. On the stage, a large screen displays a presentation by RFI (Radio France Internationale) featuring a man speaking at a podium. The screen also shows the RFI logo and the text "VISION". The stage is decorated with blue and yellow drapes. The audience is diverse in age and attire, and the hall has a wooden floor and brick walls.

A group of five people, three men and two women, are standing in a row. They are all wearing white full-body protective suits (coveralls) and white hairnets. The man on the far left is wearing glasses. They are standing in front of a backdrop that features several logos, including the Rwanda Forensic Institute logo and the Ministry of Health logo. The logos are green and white, with some text in Swahili and English. The individuals are standing with their hands clasped in front of them.

Muri CHUB Hafunguwe ishami rya RFI

Rusatira: Hatangirijwe ukwezi kwahariwe uruhare rw'umuturage mu igenamigambi n'ingengo y'imari

7

Mu Karere ka Huye hatangijwe ukwezi kwahariwe uruhare rw'umuturage mu igenamigambi n'ingengo y'imari by'Akarere by'umwaka wa 2026 - 2027. Iki gikorwa cyatangirijwe mu murenge wa Rusatira ku rwego rw'Akarere, gikorerwa mu midugudu yose nk'uko amabwiriza abiteganyaga.



Hatangijwe ukwezi kwahariwe uruhare rw'umuturage mu bizibandwaho mu igenamigambi

Ku rwego rw'Akarere kwakira ibitekerezo by'abaturage byatangiye kuwa 14 Ukwakira 2025, bitangizwa n'Umuyobozi w'Akarere Sebutege Ange mu murenge wa Rusatira, akagari ka Buhimba.

Muri iki gikorwa cyo kwakira ibitekerezo bizashyirwa mu igenamigambi n'ingengo y'imari by'Akarere by'umwaka wa 2026 - 2027, abaturage bakoze amatsinda mu midugudu yabo batora ibyo babona bikenewe mu nkingi y'ubukungu, imibereho myiza n'imiyoborere myiza.

Muri buri mudugudu hazamuka ibitekerezo cyangwa ibyifuzo bitatu, kikazamurwa ku rwego rw'Akagari. Iyo bigeze ku Kagari, inama Njyanama y'Akagari na yo isuzuma ibitekerezo byatanze mu midugudu ikemeza ibitekerezo bitatu bizamurwa ku rwego rw'Umurenge, n'inama Njyanama ya buri murenge ikemeza ibyifuzo bitatu bikuwe mu byazamutse mu tugari.



Mu mirenge yose y'Akarere ka Huye hizihijwe umunsi mpuzamahanga ngarukamwaka wahariwe umugore wo mu cyaro. Mu murenge wa Karama, akagari ka Bunazi, mu mudugudu w'Akarehe ni ho hizihirijwe ku rwego rw'Akarere uyu munsi kuri iyi nsanganyamatsiko: "Umugore ni uw'agaciro".



Hashimiwe abagore biteje imbere

Umunsi mpuzamahanga w'umugore wo mu cyaro wizihijwe kuwa 15 Ukwakira 2025. Igikorwa cyo kwizihiza uyu munsi cyitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Sebutege Ange, abo mu nama y'Igihugu ku rwego rw'Igihugu n'Akarere, abafatanyabikorwa batandukanye n'abandi bayobozi.

Muri iki gikorwa cyo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'umugore wo mu cyaro, abagore biteje imbere bashimiwe umuhate wabo mu iterambere ry'umuryango ndetse no kubera urugero abandi ko kwikura mu bukene bishoboka. Bashimiwe bahabwa ibirimo inka, gaz na matelas.

Hishimiwe umusaruro w'ibikomoka mu buhinzi n'ubworozi, nk'imwe mu mirimo iteza imbere umugore wo mu cyaro.

Abagore basabwe kurushaho kunoza ubuhinzi n'ubworozi bakabikora kinyamwaga, mu rwego rwo kongera umusaruro mu bwiza no mu bwinshi, hagamijwe kwiteza imbere no guteza imbere imiryango yabo.

Uwimbabazi Appolonie ni umugore wo mu murenge wa Karama witeje imbere binyuze mu butubuzi bw'imbuta y'ibirayi. Avuga ko yafashije abana be kubahangira umurimo.



Abagore bishimiye kwizihiza uyu munsi

Muri Kaminuza y'u Rwanda ishami rya Huye habereye umuhango wo gutanga impamyabumenyi ku nshuro ya 11 ku barangije amasomo muri Kaminuza y'u Rwanda. Iki gikorwa cyitabiriwe na Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda Dr Justin Nsengiyumva n'abandi bayobozi batandukanye.



Ibi birori byabaye kuwa 17 UKwakira 2025 byabereye mu murenge wa Ngoma muri Kaminuza y'u Rwanda, ishami rya Huye, byitabirwa n'ababyeshuri barangije amasomo muri koleji zose za Kminuza y'u Rwanda.

Minisitiri w'Intebe Dr Justin Nsengiyumva yashimiye abanyeshuri barangije mu mwaka wa 2025, abasaba kugira ubutwari no kugira intego mu buzima ndetse no gukomeza kurangwa n'indangagaciro z'Abanyarwanda zirimo ubumwe, umurimo no gukunda Igihugu.



Minisitiri w'Intebe Dr Justin Nsengiyumva

Yabibukije ko ibyo bagezeho atari iherezo, ahubwo ko ari intangiriro y'urugendo rushya rukwiye kurangwa n'ibitekerezo byagutse kandi bifite ireme. Minisitiri w'Intebe yashimangiye ko Guverinoma izakomeza gushyigikira amashuri makuru. Yashimiye Kaminuza y'u Rwanda ku bw'umuhate wayo mu gushyigikira ubushakashatsi no guhanga ibishya hagamijwe gukemura ibibazo bihangayikishije abaturage.

Abasoje amasomo muri Kaminuza y'u Rwanda bose hamwe ni 9526, barimo ab'igitsinagore 4204 n'ab'igitsinagabo 5322 bo muri koleji 7.



Hatanzwe impamyabumenyi ku 9,526 barangije muri UR

Abayobozi mu nzego zitandukanye bitabiriye ihuriro ry'ubumwe n'ubudaheranwa, haganirwa ku ruharerw'indangagaciro na Kirazira by'umuco Nyarwanda mu kwimakaza ubumwe n'imibanire myiza. Haganiriwe kuri zimwe mu nzitizi zikibangamiye ubumwe n'ubudaheranwa.



Iri huriro ry'Ubumwe n'Ubudaheranwa ku rwego rw'Akarere ryateraniye mu Karere ka Huye kuwa 23 Ukwakira 2025, rifite iyi nsanganyamatsiko: "Twimakaze Ubumwe n'Ubudaheranwa". Iri huriro ryitabiriwe n'abayobozi bahagarariye ibyiciro binyuranye birimo Komite nyobozi y'Akarere, Abajyanama, abahoze mu myanya itandukanye y'ubuyobozi, abafatanyabikorwa,...

Binyuze mu matsinda, abitabiriye Ihuriro ry'Ubumwe n'Ubudaheranwa baganiriye ku nzitizi zibangamiye Ubumwe n'Ubudaheranwa, ndetse n'ingamba zafatwa ku nzego zitandukanye kugira ngo Ubumwe n'Ubudaheranwa burusheho gukomeza kwimakazwa.

Mu gusoza Ihuriro, Umuyobozi w'Akarere Sebutege Ange yasabye abitabiriye iri huriro gukomeza umusanzu wabo mu gutuma inzira y'Ubumwe n'Ubudaheranwa imaze guterwa itazasubira inyuma.

Umuyobozi w'Akarere yasabye guhanga udushya dutuma imbogamizi zikibangamiye Ubumwe n'Ubudaheranwa zibonerwa ibisubizo.



Umuyobozi w'Akarere Sebutege Ange



Mu murenge wa Ngoma hatangirijwe isiganwa ngarukamwaka ry'isiganwa ry'amamodoka rizwi nka 'Huye Rally' ritangizwa n'Umuyobozi w'Akarere.



Umuyobozi w'Akarere yatangije isiganwa Huye Rally

Ni isiganwa ry'iminsi itatu ryatangijwe mu ijoro ryo kuwa Kuwa 24 Ukwakira 2025, aho kuri uwo muni isiganwa ryakinwe imodoka zizenguruka mu mihanda ya Kaburimbo mu mujyi wa Huye.

Umunsi wa kabiri n'uwa gatatu, isiganwa ryakozwe imodoka zigera no mu mihanda y'igitaka mu Karere ka Gisagara.

Isiganwa rya Huye Rally ryasojwe kuwa 26 Ukwakira 2025 hatangwa ibihembo ku bakinnyi baryitabiriye. Umuyobozi w'Akarere Sebutege Ange yashimye abateguye iri siganwa, anashima uruhare abikorera bo mu Karere ka Huye bagize kugira ngo iri siganwa ribashe kugenda neza.



Hahembwe abitabiriye isiganwa

Umuganda rusange usoza ukwezi k'Ukwakira 2025 wakorewe mu midugudu hibandwa ku bikorwa byo gutera ibiti kuri sites zateganijwe. Ku rwego rw'Akarere umuganda wabereye mu murenge wa Ngoma.



Miss Mutesi Kayibanda Aurore na Miss Kalimpinya Queen ni bamwe mu bitabiriye umuganda

Ni umuganda wakozwe kuwa 25 Ukwakira 2025, ubera mu mirengi yose. Ku rwego r'Akarere wakorewe mu murenge wa Ngoma, Akagali ka Butare, Umudugudu wa Karubanda ahatewe ibiti 4,350 ku buso bwa Hegitari 4.5

Muri uyu muganda, Ubumwe Nyarwanda bw'abatabona (Rwanda Union of the Blind) bifatanyije n'abatuye umurenge wa Ngoma mu muganda wo gutera ibiti. Ni muri gahunda y'ibikorwa by'ubukangurambaga ku nkoni yera buzabera mu Karere ka Huye kuwa 07/11/2025.

Nyuma y'Umuganda, Umuyobozi w'Akarere Sebutege Ange yatanze ubutumwa bwagarutse ku ngingo zirimo gukora cyane no kwiteza imbere hagamijwe kwigira, isuku n'isukura, gushyigikira gahunda yo gufatira ifunguro ku ishuri ku banyeshuri, kugarura abana mu ishuri, gahunda yo gufata indangamuntu koranabuhanga.



Hatanze ubutumwa bwo kumenyekanisha inkoni yera.



Mu Rwanda hatangijwe gahunda yo gukosoza imyirondoro no gufotora abaturage ngo bazahabwe indangamuntu Koranabuhanga. Ku rwego rw'Akarere ka Huye, iki gikorwa cyatangirijwe mu murenge wa Rwaniro.



Mu murenge wa Rwaniro hatangirijwe gahunda yo gufotora abantu ngo bazahabwe indangamuntu koranabuhanga

Kuwa 28 Ukwakira 2025, mu mirenge yose y'Akarere ka Huye hatangiye gahunda yo kwemeza imyirondoro no gufotora abaturage ngo bazahabwe indangamuntu - Koranabuhanga. Umuyobozi w'Akarere Sebutege Ange yatangirije iki gikorwa mu murenge wa Rwaniro. Yasobanuye ibyiza byo gutunga indangamuntu koranabuhanga kuri buri wese.

Nyuma yo gusobanurirwa ibyiza by'indangamuntu - koranabuhanga, abaturage bo mu murenge wa Rwaniro bashimye iyi gahunda yo guhabwa iyi ndangamuntu koranabuhanga.

Hasobanurwa ibyiza by'iyi ndangamuntu, Umuyobozi w'Akarere yasobanuye ko bibizajya bisaba umuntu ko agendana indangamuntu koranabuhanga. Hasobanuye ko "igihe utayigendanye uzaba ufite 'code' yawe bwite". Iyi ndangamuntu izaba ishobora gukomezwa muri telefoni, cyangwa hakazajya hakoreshwa umubare w'ibanga (Token) igihe umuntu agiye gushaka serivise.



Umuyobozi w'Akarere yasobanuye ibyiza by'indangamuntu koranabuhanga



Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere Dr Kagwesage Anne Marie yayoboye inama yahuje Biro y'Inama Njyanama y'Akarere na ba Perezida b'Inama Njyanama z'Imirenge. Haganiriwe ku ngingo zitandukanye zirebana n'imikorere ya Njyanama ku nzego zose.



Habaye inama yahuje Biro ya Njyanama y'Akarere n'aba Perezida ba Njyanama z'imirenge

Iyi nama yabereye mu Karere ka Huye kuwa 30 Ukwakira 2025, yitabirwa na ba Perezida b'Inama Njyanama z'imirenge, Biro y'inama Njyanama y'Akarere na komite Nyobozi y'Akarere.

Muri iyi nama haganiriwe ku ngingo zirimo imihigo y'Akarere 2025-026 n'uruhare rw'Inama Njyanama mu ishyirwa mu bikorwa ryayo; igihembwe cy'ihinga 2026 A; ingamba zo kuzamura ibipimo by'uburezi mu Karere; ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage n'uruhare ry'Ubuyobozi mu kubikemura;...



Perezida w'inama Njyanama yayoboye inama yanitabiriye n'abagize Komite nyobozi



IMBUGA ZACU:

 info@huye.gov.rw

 www.huye.gov.rw

   HuyeDistrict

 4056

 BP 35 Butare

Byanditswe & Bitunganywa na :

BONEZIMANA Emmanuel

+250788679624

Public Relations & Communication